**UMURYANGO W'ABIBUMBYE**

Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha

| | |
|---|---|
| Urubanza Nº: | MICT-13-38-AR80.4 |
| Itariki: | 8 Ukuboza 2025 |
| Umwimerere: | Icyongereza |

**PEREZIDA WA IRMCT**

**Umucamanza:** **Graciela Gatti Santana, Perezida**

**Gerefiye:** **Abubacarr M. Tambadou**

**Itariki:** **8 Ukuboza 2025**

**POROKIRERI**

**aburana na**

**FÉLICIEN KABUGA**

*INYANDIKO ITARI IBANGA*

# ITEGEKO RISHYIRAHO ABACAMANZA BAGIZE INTEKO Y'URUGEREKO RW'UBUJURIRE

**Ibiro bya Porokireri**

Serge Brammertz
Rupert Elderkin
Laurel Baig

**Avoka wunganira Félicien Kabuga**

Emmanuel Altit

Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

**NJYEWE, GRACIELA GATTI SANTANA,** Perezida w'Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha ("Perezida" na "IRMCT", uko bikurikirana);

**MAZE KUBONA KO**, ku itariki ya 7 Kanama 2023, Urugereko rw'Ubujurire rwa IRMCT rwatanze Icyemezo, aho mu byo rwemeje harimo ko ubuzima bwa Félicien Kabuga ("Kabuga") butatuma akomeza kuburanishwa kandi bishoboka cyane ko atazongera kugira ubwo bushobozi, maze rugategeka Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo ruburanisha urubanza rwe ("Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo") gufata, mu buryo bwihuse, umwanzuro ku kibazo cy'ifungwa ry'agateganyo rye ndetse no gusuzuma uburyo bukwiye n'ibigomba kubahirizwa kugira ngo afungurwe[1];

**MAZE KUBONA KO**, ku itariki ya 14 Ugushyingo 2025, Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo rwatanze Icyemezo, aho rwemeje ko ubuzima bwa Kabuga butatuma akora urugendo rujya muri Repubulika y'u Rwanda maze rugasaba ibihugu by'i Burayi, by'umwihariko ibyegeranye n'u Buholandi kandi Kabuga yasabye kumwemerera kubibamo nyuma yo gufungurwa by'agateganyo, gusubira mu byemezo byabyo maze bikamwemerera kubibamo hashingiwe ku buryo uburwayi bwe bumeze muri iki gihe[2];

**MAZE KUBONA KO**, ku itariki ya 28 Ugushyingo 2025, Porokireri wa IRMCT yasabye Urugereko rw'Ubujurire kugira icyo rukora, abinyujije mu bujurire ku Cyemezo cyo ku itariki ya 14 Ugushyingo 2025 cyangwa mu Cyifuzo gisaba ko hasubirwa mu Cyemezo cyo ku itariki ya 7 Kanama 2023[3];

**MAZE KUBONA KO** inteko y'Urugereko rw'Ubujurire yatanze Icyemezo cyo ku itariki ya 7 Kanama 2023 iramutse isuzumye icyo Cyifuzo byaba biri mu nyungu z'ubutabera kandi byatuma umutungo n'igihe by'Urukiko bikoreshwa neza;

**NSHINGIYE KU** Ngingo ya 12(3) ya Sitati ya IRMCT;

**NSHINGIYE KU** Ngingo ya 24(C) y'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso ya IRMCT ("Amategeko");

---

[1] *Urubanza Porokireri aburana na Félicien Kabuga*, Nº MICT-13-38-AR80.3, Icyemezo ku bujurire ku Kindi Cyemezo cyerekeranye no kumenya niba ubuzima bwa Félicien Kabuga bwatuma akomeza kuburanishwa, 7 Kanama 2023 ("Icyemezo cyo ku itariki ya 7 Kanama 2023"), ibika 48, 74-76, 79.

[2] *Urubanza Porokireri aburana na Félicien Kabuga*, Nº MICT-13-38-T, Icyemezo cyerekeranye no kumenya niba ubuzima bwa Félicien Kabuga bwatuma akora urugendo ajya mu Rwanda, 14 Ugushyingo 2025 ("Icyemezo cyo ku itariki ya 14 Ugushyingo 2025"), igika cya 32.

[3] Ubujurire bwa Porokireri cyangwa Icyifuzo gisaba ko hasubirwa mu cyemezo ku byerekeranye no gufungura Kabuga by'agateganyo, 28 Ugushyingo 2025 (Inyandiko itari ibanga, ifite Umugereka w'ibanga) ("Icyifuzo"), ibika 1, 3-4, 19.



Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

**NSHINGIYE KU** Ngingo ya 23(A) y'Amategeko;

**NSHYIZEHO** inteko y'Urugereko rw'Ubujurire igizwe n'Abacamanza bakurikira, kugira ngo isuzume icyo Cyifuzo:

Carmel Agius;

Burton Hall;

Liu Daqun;

Aminatta Lois Runeni N'gum; na

José Ricardo de Prada Solaesa.

Bikozwe mu cyongereza no mu gifaransa ariko inyandiko yo mu cyongereza ni yo igenderwaho.

Bikozwe uyu munsi, tariki ya 8 Ukuboza 2025,
Arusha, muri Tanzania.

**[Umukono]**

Graciela Gatti Santana
Perezida

[**Kashe ya IRMCT**]



Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT